



REPUBLIKA Y'U RWANDA



# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA GICURASI 2021

10 Kamena 2021

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## **IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA GICURASI 2021**

Ikigo cy'ighugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Gicurasi 2021. Icipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### **A. Ibiciro mu mijyi**

Ibiciro mu mijyi byagabanutseho 0,1% mu kwezi gushize kwa Gicurasi 2021 ugereranyije na Gicurasi 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa kane (Mata 2021) ryari ku kigereranyo kingana na 2,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 0,1% mu kwezi kwa Gicurasi ni ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byagabanutseho 13,8%.

Iyo ugereranyije Gicurasi 2021 na Gicurasi 2020, usanga ibiciro by'ibantu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu bitarahindutse.

Wagereranya ukwezi kwa gatanu (Gicurasi 2021) n'ukwezi kwa kane (Mata 2021), ibiciro byagabanutseho 0,5%. Iri gabonuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 2,3%.

### **B. Ibiciro mu byaro**

Mu kwezi kwa Gicurasi 2021, ibiciro mu byaro byazamatseho 0,7% ugereranyije na Gicurasi 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa kane (Mata 2021) ryari ku kigereranyo kingana na 3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 0,7% mu kwezi kwa Gicurasi ni ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamatseho 4,7% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamatseho 5,9%.

Ugereranyije ukwezi kwa gatanu (Gicurasi 2021) n'ukwezi kwa kane (Mata 2021) ibiciro byagabanutseho 2,5%. Iri gabonuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 5,3%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Gicurasi 2021 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 0,4% ugereranyije na Gicurasi 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa kane (Mata 2021) ryari ku kigereranyo kingana na 2,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 0,4% mu kwezi kwa Gicurasi 2021 ni ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 6,3% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 3,7%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa gatanu (Gicurasi 2021) n'ukwezi kwa kane (Mata 2021) ibiciro byagabanutseho 1,6%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 4,4%.

### **Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Gicurasi 2020 kugeza muri Gicurasi 2021.**

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Gicurasi 2020 kugeza muri Gicurasi 2021 ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije													
2020								2021					
	05	06	07	08	09	10	11	12	01	02	03	04	05
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	9,2	9,0	9,2	8,8	8,9	7,2	4,2	3,7	2,8	1,6	2,0	2,4	-0,1
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	10,5	11,2	13,2	12,4	12,2	10,9	4,7	4,1	4,0	2,7	1,5	3,0	0,7
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	9,9	10,3	11,5	10,9	10,8	9,3	4,5	3,9	3,5	2,2	1,7	2,7	0,4
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	2,0	-0,2	0,2	0,5	1,0	-0,9	-1,0	-0,8	-0,3	0,4	1,4	0,2	-0,5
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	-0,3	0,6	1,6	1,7	2,0	0,6	-0,7	-1,7	-1,2	0,5	1,4	-1,6	-2,5
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	0,7	0,2	1,0	1,2	1,6	0,0	-0,8	-1,3	-0,8	0,5	1,4	-0,9	-1,6
<i>Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda</i>													

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: [www.statistics.gov.rw](http://www.statistics.gov.rw) /CPI Indexes

Email: [info@statistics.gov.rw](mailto:info@statistics.gov.rw)